Isengesho ryo gusabira umuja wa Nyagasani Mariya Rafaela w'Umutima Mutagatifu wa Yezu.

Turagushimira Mana yacu kubera ibyiza byose wahaye umuja wawe, Mariya Rafaela w'Umutima Mutagatifu wa Yezu:

Kubera urukundo rwawe rw'Umutima Mutagatifu wa Yezu. Kubera ishyaka no kwitangira abakobwa bato n'abakuru n'abagore bo ku musozi wawe, ubafasha kumenya no gukura mu kwemera, kubatoza uburyo bwo kuyoboka Imana mu bikorwa no mu magambo.

Mu butwari bwe yatangiye mu buryo bushya Umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya.

Kubera ibyiza bye n'amasengesho ye, turagusaba ngo utwuzuze inema yawe.

Turagusaba kandi kumubona hamwe n'abatagatifu kubera ikuzo ryawe ryinshi, n'urugero muri Kiriziya yacu.

Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Aabatanze impanao zo gufasha mu bikenewe kugirango M.R. ashyirwe mu bahire

- Laicos asociados de P. Rico
- Delegación de Puerto Rico

Mallorca
- Arts Gràfiques, Campos
- Donativo, Campos
- Anónimo, Campos
- Coloma Pizá, Campos
- Cepillo de la Casa Madre
- Cepillo de Jesús María, Palma
- Familia Matas Barceló, Palma
- Persona agradecida, Palma
- Comunidad de Pollensa
- Cepillo de Pollensa
- Anónimo, Pollensa
- Rifa de un cuadro, Pollensa
- Margarita y Estefanía, Pollensa

Península
- Una señora de Monesterio
- Anónimo, Centellas
- Ana, Valldoreix
- Consuelo Comas, Valldoreix
- Marina Bejarano, Valldoreix
- Persona devota, Valldoreix
- Comunidad de Valldoreix

Tubashimiye inkunga yanyu.
Mushobora gukomeza kutugezaho inkunga mubinyujije mu ngo zacu zibegereye.
Niba wifuza kujya ugezwaho ayi nyandiko wabisaba aha hakurikira: causamariarafaela@mmsscc.org

Hoja informativa causa de canonización
MMSSCC. Curia General – Pg. de la Mestra Casesnoves, 8 – Valldoreix, Barcelona

Umuja wa Nyagasani, Mama María Rafaela

Sa Mestra Cases Noves

Washinze Umuryango w'Ababikira b'Abamisiyonari b'Umutima Mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya

Num. 3 – Nzeri - 2017

Ibimenyetso by'ubutagatifu bwe

Dukomeje kumenyekanisha Umaja wa Nyagasani Mama María Rafaela, duhereye ku bimenyetso by'ubutagatifu bwe.

Dufite ubuhamya bwa Antonia Oliver Rosselló we wanditse ubuzima bwa la *Mestra Cases Noves, agaragaza imico ye myiza ndetse n'ibikorwa byamuranze i Campos. Uyu Antonia, Atumenyesha amateka n'izindi nkuru zinyuranye zo mu gihe yari akiri umunyeshuri agira ati:*

> «Mu 1861, ku wa 29 Nyakanga, *abanyeshuri barangije misa uko byari akamenyero ku munsi mukuru wa mutagatifu Petero*…la *Mestra Cases Noves yabatumiye kurya imitini. Iyo misa ihumuje nibwo bose berekeje ku giti cy'umutini…Nkaho wagirango Imana yari yabiteguye,muri icyo gihe rimwe mu mashami y'umutini ryaraguye. Maze mu mutuzo wa wundi ugirwa gusa n'abatagatifu, la Mestra Cases Noves ntiyabaha ikindi gihano utetse iki: uyu munsi, ntabwo murarya imitini, kugeza ejo. Nuko bose bamushimira kwihangana no gutuza kwe"*

Ubuzima bw'umuja wa Nyagasani
Mama María Rafaela (Sebastiana Lladó y Sala)

Mu bwangavu bwa Sebastiana, ageze ku myaka 13, nibwo musaza we Juan yashyingiwe. bwari ubukwe bwateguwe neza n'ababyeyi b'abashyingiwe. Bityo amenyeraho uwo muhamagaro w'ubuzima: Urukundo rw'abashakanye n'Isakaramentu ry'ugushyingirwa.

Ku rundi ruhande mama we wari umugore ucisha make, akiyubaha kandi agakunda gusenga yareraga abana be mu rukundo no mu gitinyiro cy-'Imana. yabigishaga gusenga yifashishije ishapule, ariko kandi nk'umubyeyi ntiyibagirwe kubahanira amakosa yabo. Nkuko ababyeyi bose beza babigenza, yakundaga abana be byahebuje, ariko urukundo ntabwo rwamuhumaga amaso. Yabahaye uburere mu rugo iwabo, kuko urugo niryo shuri rya mbere kandi rukaba na kiriziya. Mu rugo niho abana baboneraga amasomo yerekeranye n'imyitwarire myiza ya muntu nay'iyobokamana.

Ariko Sebastiana na basaza be, Bagendaga bahabwa andi masomo yoroheje ku byerekeye iyobokamana. Umwuka mwiza wo mu rugo i *Cases Noves no muri ako karere, ibyiza bibakikije yarebaga ari i Campos:* akanunga k'umusozi wa Sant Salvador de Felanitx, imisozi ya Randa, umusozi wa Monti-sion de Porreres; wubatsweho ingoro zitandukanye za Bikira Mariya, niho yigiye kubonera Imana mu biremwa, yitegereza isi n'ikirere yasobanukiwe n'ubwinshi bw'impuhwe z'Imana umubyeyi wacu.

Ku bantu baba bibera mu Mana, ibiremwa byayo n'igitabo gifunguye. iyo mibereho yafashije Mariya Rafaela kubaho uko Metz yita "Ibanga ryo kudahwema kuba maso." Mu mvugo y'iki gihe dushobora guhamya ko ibidukukije byamufashije maze agahurira n'Imana mu byo yaremye.

Bizakomeza

.

«Nimurebe ikirere, mwitegereze isi, maze mubone ubuhangange bw'Imana n'ukuntu impuhwe zayo ari nyinshi»

Twakoze iyi shusho ifite kimwe mu bitekerezo bya Mariya Rafaela, kijyanye rwose n'ubuzima bwe. We yumvaga yaracengeye mu byaremwe akanumva akikijwe kandi asazwe n'impuhwe z'Imana. Iki gitekerezo gikomoka ku muco w'uburangamiramana Mariya Rafaela yari afite.

Kuri iyi shusho,
Amabara y'icyatsi n'ay'ikijuju, aragaragaza ibyaremwe, naho ubururu bukagaragaza ubuziraherezo bw'Imana; umutuku ukagaragaza impuhwe zayo.
uduce tw'amabara y'ikijuju nicyatsi aturuka hasi ajya hejuru. ubururu n'umutuku akava hejuru ajya hasi, turebye neza mu byerekezo by'ayo mabara, dusanga ibyaremwe birangamira uwabiremye… bikamusingiza, naho ubururu n'umutuku, birivanga… bigahoberana… bigakora ikintu kimwe. Urukundo Nyampuhwe rw'Imana rwinjira mw'isi (bigaragazwa n'amabara y'umutuku) umutuku winjira muri byose, ugacengera nk'umuvu utemba.
urukundo rwinjira mw'isi hanyuma ibyaremwe bikarambura amaboko bikarwakira.

Pintura de Ana Colón, MMSSCC